# TUMENYE BIBILIA

## IKIGANIRO NO 0025

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Mu kiganiro giherutse twaganiriye kubirebana no gukebwa bimwe benshi bita gusiramura, twabonye ko ryari isezerano Imana yagiranye na Aburahamu hamwe n'abagombaga kuzamukomokaho bose.

Uyu munsi turarebera uburyo Imana yabwiye Sara ko agiye kubyara umwana w'isezerano w'umuhungu. Reka twumve aka karirimbo ndagaruka nkubwira kuri iyo nkuru y'igitangaza y'umugabo n'umugore babye kandi bakaba mu myaka 100. Ngaho fashwa n'ako karirimbo

**( ………………………………………..Indirimbo……………………………………..)**

**Baramubaza bati "Umugore wawe ari he?" Arabasubiza ati, "Ari mu ihema."[Itang 18 :9]**

Ntibyari bikwiye muri iyo minsi, ndetse no muri ino minsi ko umugore atungurwa, Ahubwo yari kuba uwa mbere mugutangira kwakira bariya bagabo batatu babashyitsi badasanzwe. Cyane ko nabo bahise babaza aho Sara aherereye.

**Undi aramubwira ati ''Iki gihe cy'umwaka nikigaruka, sinzabura kugaruka aho uri, Sara umugore wawe abyare umuhungu.'' Sara abyumva ari mu muryango w'ihema uri inyuma ye. [Intang 18 :10]**

Ntekereza ko Sara yari yateze amatwi akurikiranira hafi ikiganiro cy' Aburahamu n'abo bagabo, Hanyuma y'ibyo Sara n'Aburahamu bamenya ko bakiriye abamarayika.

**Gusa Aburahamu na Sara bari bashaje, bageze mu zabukuru, kandi Sara ntiyari akijya mu mihango y'abakobwa.**

**Sara asekera mu mutima ati ''ko maze gukecura, nzanezerwa ntyo kandi umutware wanjye akaba ashaje?'' [Intang 18 :11-12]**

Iki nicyo Sara yibajije ''Mbese birashoboka ko nzagira umuhungu?'' Hanyuma araseka. Mbese uku guseka kwari bwoko ki? Ndatekereza ko uko guseka kwatewe no kwibaza niba koko ibyo byiza bizageraho bigahinduka ukuri. Ntakindi. Ndabizi neza ko benshi muri twe dufite ubunararibonye nk' ubwo. Imana ijya igaragaza ibyiza idutegurira rimwe na rimwe tukabiseka. Gusa ikintu kimwe tuba twifuza ni uko ibyo byiza byaba ukuri, ni muri ubwo buryo Sara yasetsemo. Agira ati '' ibyo byiza byaba ukuri se? Gusa ntibyakunda kuri njye!''

**Uwiteka abaza aburahamu ati ‘‘ Ni iki gisekeje Sara, akibaza ati ‘ni ukuri koko nzabyara nkecuye?’ Hari ikinanira uwiteka se? Mu bihe cyashyizweho, iki gihe cy’umwaka nikigaruka nzakugarukaho, Sara abyare umuhungu.’’ Maze Sara arahakana ati ‘‘sinsetse’’, kuko yatinyaga. Aramusubiza ati ‘’ Oya, urasetse.’’ [Intang 18 :13-15]**

Sara yatewe ubwoba n’ikibazo cy’Imana kuko cyari ukuri kwibyo akoze muri we, nyamara arabihakana ko adasetse.

**Abo bagabo barahaguruka baragenda, berekeza amaso i Sodomu, Aburahamu arabaherekeza. [Intang 18:16]**

Aburahamu ntacyo yari afite kimubangamiye nicyo cyatumye akomeza kujyana nabo abaherekeje bagenda baganira,ni uko bakomeza kugenda kuva aho Aburahamu yari atuye kugeza aho batangira kwitegereza Sodomu na Gomora. Iyonza kuba ndi muri uwo mwanya byari kuba ari ibya gahebuzo kuri njye kuri uwo munsi w’umucyo kuko amaso yanjye yari kwitegereza kure bihagije. Nari kureba kuva I Yerusalemu kugeza I Beterehemu. Kandi nari guhera mu itongo ry’ I Samaliya, nkareba Yerusalemu yose, Inyanja ya Mediterane, ndetse n’iya Gariraya. Nari kureba impande zose za Herumoni, cyari igihe cy’imbaraga zidasanzwe. Aburahamu yakomeje kujyana n’abo bashyitsi, n’uko bigiye imbere babona Sodomu na Gomora Aho niho habaye ibihe bidasanzwe by’uwo munsi ndetse icyo gihe bari mu mwanya w’agahebuzo.

## IMANA ITANGAZA KO IJE GUKURAHO SODOMU NA GOMORA

**Uwiteka aribaza ati “Aburahamu namuhisha icyo ngiye gukora?” [Intang 18:17]**

Mu biganiro byose byabanje uwiteka ntiyari yigeze ahishurira Aburahamu icyo agiye gukora I Sodomu na Gomora: Yari azanywe no kubarimbura. “Nashobora guhisha Aburahamu ikintu ngiye gukora?”

Wamenya noneho impamvu Imana itahishe Aburahamu ibyo igiye gukora.

**Kuko Aburahamu atazabura guhinduka ubwoko bukomeye bw’ubunyamaboko, kandi amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha muri we. [Intang 18:18]**

Aburahamu yari afite ububasha bwo kuganza. Yaganje amahanga yose kandi atsindishiriza amoko yose. Uko ni ukuri kuzuye kugeza nubu. Ari njye ubwiriza cyangwa wowe wumva iyi nyigisho ni ukuri turi urubyaro rw’Abrahamu niho twakirijwe, ntabwo kandi twabihakana.

**Kuko icyatumye mumenya, ari ukugirango ategeke abana be n’abo murugo rwe bazakurikiraho, gukomeza mu nzira y’uwiteka, baca imanza zitabera, kugira ngo uwiteka azanire Aburahamu ibyo yamuvuzeho. [ Intang 18:19]**

Imana iravuga iti “si byiza ko mpisha Aburahamu ibyo, kuko bizatuma asobanukirwa imikorere yanjye.” Muri make uyu mugabo Aburahamu yari afite imiyoborere myiza mu rugo rwe.

**Uwiteka aravuga ati "Ubwo gutaka kw'abarega i Sodomu n'I Gomora ari kwinshi, ibyaha byaho bigakabya cyane, ndamanuka ndeba ko bakora ibihwanye rwose no gutaka kw'abaharega kwangezeho, kandi niba atariko bimeze, ndabimenya." [Intang 18:20-21]**

Mu yandi magambo, Imana ibwira Aburahamu iti, " Nzi ibibera i Sodomu ariko manuwe no kubyirebera." Imana nta kintu ikora ihubutse cyangwa ngo ihutireho. Ni ikintu cyiza cyane ko Imana yabwiye Aburahamu ko igiye gutsemba uriya mujyi wa Sodomu na Gomora, naho ubundi Aburahamu yari gufata Imana nk'inyamakosa. Aburahamu yari azi ko Imana ari umugwaneza ariko iyo itamubwira yarikuyifata nk'iyiyemera cyangwa ikora ibikorwa by'urugomo kandi icyo cyari kuba ari icyambere kigaragaza ukudashima cyangwa kudaha agaciro abantu. Aburahamu rero yashoboraga kugoreka cyangwa gufata nabi gahunda y'Imana. Nicyo cyatumye Imana imumenyesha igikorwa igiye gukora. Ni uko bituma Aburahamu abona umwanya wo gusubiza ubwenge ku gihe atekereza kuri icyo gikorwa. Kandi ni byiza cyane ko Imana yabwiye Aburahamu icyo igiye gukora kuko Aburahamu yari gutekereza nabi Imana cyangwa agatekereza nabi Sodomu na Gomora, muri make ibintu byinshi yari kubifata uko bitari. Iki ni kimwe mubyo Imana igomba kutwigisha mu mikorere yayo. Hari ibintu byinshi ikora itatubwiye, nyamara ibyo itubwira birahagije n'ubwo umuntu yijijisha cyangwa ntabyiteho. Ntidukwiye kuba indangare rero hanyuma ngo tuvuge ko Imana ari inyamakosa.

**Abo bagabo barahindukira, bava aho bagenda berekeje I Sodomu, Aburahamu agihagaze imbere y'uwiteka. [Intang 18:22]**

Aburahamu akomeza kurindirira imbere y'Uwiteka.

**Aburahamu aramwegera aramubaza ati "Warimburana abakiranutsi n'abanyabyaha? [Intang18:23]**

Mbese ni iki cyahise kiza mu mutwe w'Aburahamu bwambere? Birumvikana ko ku ikubitiro mu mutwe we hahise hazamo Loti. Ni uko atekereza uko yamukiza, kuko n'ubundi Loti aho yari ari yari mu kaga muri icyo gihe. Nibaza ko Aburahamu igihe kini yashidikanyaga ku mubano wa Loti n'Imana, gusa yizeye ko Lot ari umugabo wo gutabarwa. Aburahamu abaza Imana ati " Uteganya iki ku bakiranutsi?" Ndizera ko Aburahamu yibwiraga ko mu bugwaneza bw'Imana hari abantu benshi yarokora muri uriya mujyi wa Sodomu, Ntiyashoboraga kwiyumvisha ukuntu Imana yarimburana abakiranutsi n'abanyabyaha. Mbese uyu mugi wari ufite iyihe shusho koko?

**Ahari muri uwo mudugudu harimo abakiranutsi mirongo itanu. Waharimbura se ukanga kuhareka ku bw'abakiranutsi mirongo itanu bahari? [Intang 18:24]**

Aburahamu yatangiriye kuri mirongo itanu. Aburahamu abwira Imana ati, " Uwiteka, nibwira ko muri uriya mujyi w'Isodomu harimo abakiranutsi mirongo itanu. Ushobora kurimburana uwo mujyi n'abakiranutsi mirongo itanu?"

**Ntibikaguturukeho kugira utyo, kurimburana abakiranutsi n'abanyabyaha, abakiranutsi bagahwana n'abanyabyaha kirazira! Umucamanza w'abari mu isi bose ntiyakora ibyo kutabera." [Intang 18:25]**

Dore ikibazo abantu benshi bakomeza kwibaza: "Ese ntihazabaho urubanza rukomeye ku batuye isi bose?" Nyamara hariho igisubizo cyacyo. Iberenze kubyo Bibiliya itubwira kubizagenderwaho mu gucira imanza abatuye isi bose, byose birasobanutse. Ikintu cyose Imana ikoze kiba gisobanutse, wihangayikishwa n'Imana n'ibyo Imana ikora ahubwo hangayikishwa nawe ubwawe ndetse n'ibitekerezo byawe. Uribeshya mu byo utekereza; kuko ntuzi byose. Kandi ntushobora gusobanukirwa ibyo Imana ikora. Niba ubishoboye, ukwiye kumenya ko urubanza izacira abatuye isi ari urubanza rutabera. Twe turi abanyabyaha, ariko yo Irakiranuka.

**Uwiteka aramusubiza ati "Nimbona i Sodomu abakiranutsi mirongo Itanu bari muri uwo mudugudu, nzahababarira hose ku bwabo." [Intang 18:26]**

Ni uko Aburahamu abitekerezaho bundi bushya.

**Aburahamu arongera aramubwira ati "Mpangaye kuvugana n'Umwami wanjye, n'ubwo ndi umukungugu w'ivu gusa. Ahari ku bakiranutsi mirongo itanu hazaburaho batanu, uzarimbura umudugudu wose, kuko habuzeho batanu?" [Intang 18:27-28]**

Mu yandi magambo Aburahamu yagize ati, "Habaye hari abakiranutsi mirongo ine na batanu, warimbura uwo mudugudu ku bwabo mirongo ine na batanu?" Hanyuma Imana iramubwira iti "Ndamutse nsanzeyo abakiranutsi mirongo ine na batanu, sinaba nkirimbuye umudugudu" Imana imusubije gutya noneho byatumye aba umwihanduza cumu, arongera arayihangara ati " Basi mirongo ine?" Igitangaje cyane ni icyo Imana yamusubije iti "kubwabo mirono ine ntabwo umudugudu nawurimbura." Ariko Aburahamu akomeza kugenda agabanya, agabanya ku mubare ajya hasi. Ati "Hanyuma mirongo itatu se?" Imana iti, " haramutse hariyo abo mirongo itatu ntabwo naharimbura." Aburahamu arongera ati " Basi hariho makumyabiri?" Imana iti "sinzaharimbura." Aburahamu yatangiye kunanirwa ariko akomeza kugenda amanuka. Ati " Babaye ari abakiranutsi icumi. Waharimbura kandi hari abo bakiranutsi?" Imana iti "Niba hariho abakiranutse icumi muri uwo mudugudu ntabwo naharimbura."

**Uwiteka arigendera amaze kuvugana na Aburaham, Aburahamu asubira iwe.[ Intang18:33]**

Aha rero twakwibaza ngo: Kuki Aburahamu atamanutse ngo ajye munsi y'icumi? Reka nkubwire impamvu: Ni uko yari afite ubwoba bw'uko Loti, ataboneka muri abo bari munsi y'icumi, icyo kikamutera impungenge cyane. Ni uko rero ntiyashoboraga kongera kumanuka indi nshuro. Ariko abuze uko agira arongera aramanuka kugera kuri rimwe. Niko kugira ati, " Uwiteka hariyo umukiranutsi umwe warimbura umudugudu?" Uzi icyo Imana yamusubije? Yaramubwiye iti, " Habaye hariho umukiranutsi umwe muri uriya mudugudu, namuhungisha nkamujyana hanze yawo kuko tdashobora kurimbura umukiranutsi n'umwe muri uriya

mudugudu." Burya sodomu hariho umukiranutsi ariko Aburahamu we ntiyabyizeraga, ariko Imana yo yarimuzi kandi uwo mukiranutsi yari Loti. Imana ibwira Loti iti, "Hunga ujye hanze y'uyu murwa. Sinshobora kuwurimbura ukiwurimo." Wari uzi neza ko igihe cy'amakuba kidashobora kuzaza itorero rikiri mu isi? Ibyo niko biri ntigishobora kuzaza, Bene data. Yesu kristo yatsinze urubanza rwacu, kandi igihe cy'amakuba kiazaba ari cyo gihe cy'urubanza kije. Niyo mpamvu itorero ritagomba kuba muri icyo gihe kandi ryaratsindishirijwe. Iri jambo ritwereka byagatangaza ukuri kw'icyo gihe. Tubona rero ko sodomu na Gomora bishushanya cyane iy'isi turimo muri iyi minsi, Mbese iyi shusho imeze ite? Mbese iy'isi yacu imeze ite muri iyi minsi? Ubu isi turimo irasa neza neza na Sodomu na Gomora. Gusa ibyo ntibivuga ko Uwiteka ari bugufi kugaruka. Ntabyo tuzi, Ndetse nta numwe uzi igihe azazira. Gusa ashobora kuza ejo, cyangwa na none, ntawamenya. Ni uko rero iyi Shusho tubonye hano mu ntangiriro y'umujyi wa Sodomu ikwiye kuguma muritwe kuko itwereka neza ibiri muri iyisi yacu muri iki gihe ndetse n'amaherezo yayo uko bizagenda.

## <u>**Nshuti yanjye reka twinjire mu gice cya 19**</u>

***THEME :Abamarayika basura Loti ; ukurimbuka kw'abaturage bo mu kibaya***

Mu gice kibanza twabonye uburyo abakiranutsi bahiriwe kuko bari bafitanye ubumwe n'Imana. Ariko noneho twavuye ku bakiranutsi tugeze noneho ku kibaya cya Heburoni aho Aburahamu yari atuye. Muri iki gice Loti yimutse muri Sodomu hamwe n'umugore we ndetse n'abakobwa be babiri, hanyuma Sodomu na Gomora birarimburwa. Umugore wa Loti yaje guhinduka inkingi y'umunyu, hanyuma Loti akora icyaha kibi cyane cyo kuryamana n'abakobwa be bombi.

Igice cya 19 kitwereka ″ubuzima bwahawe umugisha." Ntiwibagirwe ko uyu mugabo Loti yagize amahirwe kuko yari umukiranutsi, ariko rero ntibyoroshye kwizera ko yari umukiranutsi koko, Iyonza kuba narabisomye muri iki gitabo cy'Itangiriro gusa, ntabwo nari gupfa kubyizera. Ariko Simoni Petero mu nzandiko ze, yavuze kuri Loti ati, ″ Uwo mukiranutsi ubwo yabaga muri bo yibabarizaga umutima we ukiranuka iminsi yose, imirimo yabo y'ubugome yarebaga, akumva". Loti yabaga muri Sodomu ariko ntiyigeze ahanezezererwa. Umunsi wo kuhava wari uw'amakuba gusa kuri we, Kuko yahatakarije umuryango we, ahatakariza ibyo yari afite byose, mbese urebye ntakintu yari asigaranye. Koko yahaboneye amakuba adasanzwe.

Ubu rero muri iyi minsi hari abantu benshi bagiriwe ubuntu barakizwa, Ariko bikaba byaragize ingaruka ku buzima bwabo, batakaje imiryango yabo, batakaza ubuhangange bwabo, ndetse n'ubuhamya bwabo abantu barabwanduza. Ndabizi abakirisitu benshi babayeho nka Loti. Umwana w'umuyobozi w'itorero rimwe yigeze kuvuga ati, Ntakindi ntegereje uretse gupfa kwa data maze nanjye ngaheba ubuzima bwa gikirisitu. Bishaka kuvuga ko ibyo yakoraga byose kwari ukwiyoberanya, Kandi nibyo, ibyo yakoraga byose yabikoraga kugahato k'iwabo. Mbega ukuntu uyu mukozi w'Imana yibeshyaga ku mwana we! Uyu mukozi w'Imana yatakaje uyu muhungu we, kandi atakaza n'icyubahiro yari afite mu bandi. Nshobora gukora ibikunyura cyangwa ibikuryohera, ariko ibyo ntibivuga ko nakijijwe. Ntekereza ko abantu benshi bizera

kirisitu ariko bataramusobanukirwa.! Mbega amakuba umunyamibabaro Loti yahuye nayo! Iki ni kimwe mu bice bibiri biteye isoni muri iki gitabo cy'Itangiriro.

## ABAMARAYIKA BASURA LOTI

**Ba bamarayika bombi bagera i Sodomu nimugoroba Loti yari yicaye mu marembo y'i Sodomu. Loti ababonye arahaguruka ngo abasanganire, yikubita hasi yubamye [Intang 19 :1].**

Abo bamarayika basuye Loti bagiye kumumenyesha ibigiye kuba kuri Sodomu. Ni uko imbuzi igera kuri Loti aho yari ari mu marembo ya Sodomu. Ntabwo narenga kuri iki gice ntabanje kwitonda ngo nibaze impamvu bariya bagabo bitaye cyane kuwari wicaye ku marembo y'uyu mujyi wa Sodomu. Ni ukubera uyu mugabo Loti yari ukiranutsi ari nawe wabashije kuva muri Sodomu wenyine.

**Arababwira ati ″ Ndabinginze ba databuja, nimwinjire munzu y'umugaragu wanyu, muharare bucye, mwoge ibirenge, ejo muzazinduke mugende." Baramusubiza bati ″ Oya, turarara munzira bucye." [Intang 19 :2]**

Bariya bagabo bombi bagomba kuba bari bafite ibirenge byanduye. Kandi nibyo koko iyo uva Mamure ujya Sodomu, wambaye sandari , ibirenge byawe biba bikeneye kongera kozwa. Ndashaka kandi ko wibaza kuri uku kwakira kudasanzwe kurimo ubwuzu bwinshi bakiranye aba bantu badasanzwe, mbese b'abanyamahanga muri uriya mudugudu.

Loti yari umugabo ugira urugwiro cyane, iyo abanyamahanga bazaga, yarabatumiraga akabajyana iwe. Ni uko barinjira, Icyakora byari nko kubahatiriza. ″ Ni uko baravuga bati, oya turara mu nzira bucye" Mu yandi magambo baravuze bati ″Reka twigumire hanze. Ntidushaka kukugora." Kandi bavuze ibyo bafite intego.

**Arabahata bajya iwe,binjira mu nzu ye. Abatekera ibyokurya, yotsa imitsima idasembuye, bararya. [Intang 19:3]**

Aha rero aba bagabo bari bagaburiwe ku nshuro ya kabiri, kuko ubwambere bari bariye kwa Aburahamu, noneho na Loti nawe arabagaburira. Hanyuma niko kwibagirwa ibyo bari bavuze, ngo bararara mu nzira bagenda bucye. Ni uko Loti arababwira Ati, ″Ntimwakora ibyo hano I Sodomu. Siheza, haba abantu babi! Mwakora ibyo ubuzima bwanyu ntibwaba ari ubw'igiciro." Reka ntange urugero nkubu Kigali ihinduriwe izina ikaba Sodomu, Nta muntu n'umwe wabona aho yikinga kuri iyi mihanda ya hano muri Kigali kuko abantu baba babaye babi, Niyo mpamvu ndetse bitari byiza gutembera mu mihanda yo mu mujyi mu ijoro ntacyo uriho ukora. Abagore benshi bibana iyo hari gahunda yo mu ijoro ku rusengero ntibashobora kwizana kuko baba batinya ijoro. Umunsi umwe umurokore umwe yarambwiye ati, " Reka nkubwize ukuri muvandi iyo nkinze urugi rw'inzu yanjye bumaze kwira sinshobora kongera kurukingura ataruko mbonye umucyo wa mu gitondo. Kuko sinzi ibiba biri inyuma y'inzu mu ijoro" sibyiza rero kurara

umuntu agenda. Muri iki gihe cya Sodomu na Gomora cyari igihe kitari cyiza kubera impamvu zimwe na zimwe, cyane cyane ariko z'urugomo zakorerwaga muri uwo mugi. Niyo mpamvu Loti yagize ati "Hoya, hoya ntibishoboka ko murara mu muhanda. Kuko nta mutekano mwaba mufite." Ni uko akomeje kubahata abasaba kujyana nawe, baramwemerera bajyana iwe.

**Batararyama, abagabo bo muri uwo mudugudu Sodomu bagota iyo nzu, abato n'abakuru bose, bavuye ahantu hose ho muri wo. Bahamagara Loti baramubaza bati " Abagabo binjiye iwawe muri iri joro barihe? Basohore turyamane nabo." [Intang 19:4-5]**

Aha rero niho tubona ko ibyaha byo mu mujyi wa sodomu byari bigeze ku rwego rwo hejuru. Hari izina ryahawe icyo cyaha cy'ubutinganyi kuva icyo gihe kugeza na nubu icyo cyaha cyiswe Sodomy mu rurimi rw'icyongereza. Ku bigaragara nta muntu n'umwe wari kugerageza gushinga urusengero muri bariya bantu bameze kuriya, bakora ibintu bisa kuriya ngo aje kubigisha ibyiza, bari guhita bamugirira inzika kuko yari gusa naho abicira isoko. Reka nkubwire muri iyisi y'Imana icyo cyaha cy'ubutinganyi n'ubusambanyi kimaze kuba indenga kamere, kandi ntiwirengagize ibi nkubwira kuko ni ukuri, Sodomy cyangwa ubutinganyi ni icyaha kimaze guhabwa intebe muri iyisi. Mu gihe Loti yamanukaga aza mu mujyi wa Sodomu, ntabwo yari azi iyo agiye n'uko hameze ibyo ndabihamya. Kuko yamanutse aziko agiye ahantu hatuma ubuzima bugenda neza, Nyamara yaje kuhatakariza abana be atakaza abahungu n'abakobwa muri icyo gihugu kibi. Mu gihe bari mu ihema bakambitse hejuru ya Sodomu, nibwo yitegereje hasi ahabona utuyira twiza ndetse n'imihanda myiza, ahabona icyanya cyiza hamwe n'inyubako zimeze neza. Kandi abona abantu baho babayeho neza ndetse basa neza inyuma, Ariko ntabwo yari yabonye koko abo aribo by'ukuri. Ibyaha by'uyu mujyi bimaze kurenga urugero Imana igiye kuwucira urubanza ruwukwiye. Imana iri hafi kuwurimbura. Nimureke dufate ingamba nshya kandi zihamye kuko hariho uburyo budasanzwe bwo gukora ibyaha muri kino gihe. Hariho ahantu henshi cyane hakorerwa ibyaha ku mugaragaro, ndetse ubu hari n'impuguke mugukora ibyaha. Itorero ry'ukuri rikwiye gushira amanga mu bihe nk'ibi. Cyane ko hariho n'amatorero Atari ay'ukuri arimo gukora ubu! Nk'urugero mu majyepfo ya California hari itorero risengeramo abatinganyi, n'abapasitori babo nabo ni abatinganyi. Niwumve aho isi igeze? Niyo mpamvu nkubwira ngo iri somo ryo mu gihe cya Sodomu na Gomora ni isomo rigendanye neza neza n'iki kinyejana turimo. Imana ntishobora kwihanganira amatorero bene nkaya. Igitangaje ni uko abantu bashaka kuba abana b'Imana ariko kandi bagashaka no gukomeza kuguma mu byaha. Imana yahamije neza ko ibyo bidashoboka ko udashobora kuyibangikanya ngo bikunde, uyu mugi wa Sodomu na Gomora utubera urugero rufatika. Pawulo yibajije ikibazo ati, " Mbese tugume dukore ibyaha ngo Ubuntu bw'Imana busage?" igisubizo ni iki " Imana ntiyabyemera" ibyo ntibikabe ( tubisanga mu abaroma 6:1-2). Ikibabaje rero ni ukuba umukrisitu ukanakomeza kandi kujya mu byaha, ni ikosa rikomeye cyane. Kandi reka nkubwize ukuri urubanza rucibwa abanyabyaha nawe ruragutegereje.

**GUSOZA**

Ibisa bityo ni byo byakorwa mu mujyi wa Sodomu na Gomora kandi byatumye Imana irimbura abaturage baho bose uretse Loti wenyine n'abakobwa be. Ntimukavuge muti twese inkomoko yacu ni iyabo muri icyo gihe kuko ubu hariho ibyahindutse. Ntidukwiye kubijyaho impaka kuko nyuma y'ibyo byose Yesu yishyizeho ibyaha byacu. Nikoko yaraducunguye kandi iyo umwemereye akinjira muri wowe asiga aguhinduye rwose. Indaya yemeye kuza aho ari ntiyongera gukora umwuga w'uburaya ukundi. Ikimara kwiyemeza kuza mu Mana ihita ihindurwa. Icyo nicyo twifuriza abanyabyaha ko baza aho Yesu ari maze akabakiza. Uza amugana wese aramwakira. Uramutse uje kwa Yesu yaguhindura nawe. Abantu benshi bagerageza kunyandikira bakampamagara barimo bansobanurira ko ngo bari mubihe bishya cyangwa ngo ni ukugendana n'ibigezweho. Nibyo ndabyemera koko ko isi irimo igendana n'umuvuduko w'ibigezweho, ariko ndababwiza ukuri Isi imaze kumera neza nka Sodomu na Gomora, ntidukwiye gutwarwa nayo ndetse n'irari ryayo ngo ritwibagize Yesu kristo watwitangiye. Kuko isaha n'isaha hazabaho urubanza rukwiranye n'ibyo buri wese yakoze.

*Uwiteka Mana ikomeye turakwinginze ngo ukomeze kuturinda muri iyi si ya none imaze kumera nka Sodoma na Gomora; hari ibyaha byinshi biteye isoni kandi biriho biriyongera; hari ubusambanyi, ubutinganyi, ubwicanyi burenze indengakamere, urwangano. Mana tabara Itorero ryawe, kandi iki nicyo gihe cyo kugira ngo ukize n'uyu mwana, umusore, inkumi, umugabo n'umugore wabaswe na kamere y'ibyaha kugira ngo aguhindukirire akwemere nk'Umwami n'Umukiza mu bugingo bwe kuko ugiye kuza kurimbura isi n'abanyabyaha hanyuma uzamukane Itorero ryawe. Mu izina ryawe Yesu Kristo. Amen!*

*Mu kiganiro gikurikira nzakubwira uburyo Imana yarimbuye Sodoma na Gomora, n'uko yagiriye neza Loti ikamurokora!*

*Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane nawe*